

I L I B U L I R O

Reka twitonde mbitondagire
Mbitondore tubitonore
Wigaragurire ushire amakenga
Utazakeka ko ali ugukabya
Kandi musingiza uko abikwiye.

Ijambo kubyara lilimo byinshi
Ku biterwa ni ugushibuka
Kigasagamba kigaba amashami
Kikagaragara kikamenywa hose
Kikitwa ikiganzamarumbo.

Ntakitabyara gihumeka.
Amatungo tuzi nayo arabyara
Akororoka akagira akamaro
Agakinagira aca ikibungo
Akigwiza akaba umulyango.
Naho ku muntu bifite isumbwe.
Gutanga ubuzima no kubeshaho
Gutumikira Imana uko ibyifuza
Uragiye urumuli ali ahabona
Umuha kwiremaremamo intwali.

Ugafasha Umuremyi kurema igihugu
Izina lyawe ntilikazimire.
Sugira mbyeyi uzahore ubugwa
Kuko watanze ubuzima iteka;
Imana yawe mulicaranye.

Ewanda nziza sinyikurusha
Terera amaso hilya hino
Urabona byinshi bishimisha
Abantu, ibintu, imisozi, imigezi
Biragaragaza amaboko y'Iyaduhanze.

Ikaduha kumenya imhara n'imharage
Dufite ubwenge buzira ubwena
Bwihaliye ubukolikoli bw'ibanze
Umuco, igicaniro kigakangurwa
Gacamigani agasasa amabero.

Amze gusasira no kwinkiza
Acyuye imilimo atuye imiruhu
Ahaye umubili guhumeka
Umutima ugamba ibinezaneza
Imbabare zose zigakiranuka.

Ibyo twabishyikiliye mu mugongo
Uwitwa mawe avuza ubuhuhwa
Ahoza ikibondo kidahogombye
Atera ibisakuzo bakabyica
Bashimishijwe no kubaho.

Mukwamwiza ndivugeho iki?
Umutwe walyo ufite inkomoko
Idlita umwana uzaba umwali
Lirera umwangavu utwizihye
Ugamije uwo bazambarana imheta.

Mu gihimba ho lirahimbaje
Wa mwangavu Ntezirembo
Baramugabiye bakimubyara
Bamwuzuza amata mu kiganza
Ngo aminuke imhinga izamuhire
Azabyalire imbavu zose
Aheke umuganwa
Ahagatire umucura bwenge
Tubone umukiza n'umuhanuzi.

Umugabire yitwa Mwiza
Akaba igikwiye yararagije isuka
Ifata irembo yitwa iya Mbogo.
Itonde umwitegereze neza
Umire umiraze imitsi imyobora.

Kuba mwiza bifite ishingiro
Isoko yabwo ni imwe rukumbi
Itagira inenge ihorana ubwema
Ikajugabira ibitsina byombi
Nta muhango biba mahwane.

Ubu Gakondo yabigennye ityo
Hali ubuhanga ntagereranya!
Mbese uwabangikana n'Indatwa,
Bahora basangira inkongoro
We ntiyamulikwa ibiroli byaje?

Ndivuze ndizi simbeshya
Uwo yageneye kumenya Mwiza
Akamurasanaho lyavuye
Inkanizo zabo zishamitse hamwe
Nawe afite ubwiza busesekaye.

Mi cyo kimuha kubyara umugabo
Akamenya kumwubaha nk'umutware
Akamwumvira nk'umubyeyi
Mu guhereza akamubanza
Kandi azi neza ko yamuhetse.

Mbese ni indorerwamo y'urukundo
Mwiza anyuraho yanga inenge
Imusebya hose agasumbanirwa
Ubuwo agasumirwa n'abaneguranyi
Agacura umwijima agashobanirwa.

Ubwu se ayirebyemo imeze nabi
Ali igipamhara cy'ibinyonjo
Ntiyakomezoka akamera nkangu
Bigakulikirana agashusha uburema
Bumuguyeho amanzanganya!

Izo nturwa zombi ni magilirane
Umwe asitaye undi arakomereka.
Nsanze ashengewe ali umutware
Uwo atwara ali umunywanyi
Akaba imhuguke imuranga hose.

Umugabekazi ni umwambali
Abaye igicucu ntibyashoboka
Yasalika Mwiza wabuze inenge
Intama n'ibyuma bikazimirana
Kuko nta mutware ujya yitwara.

Dore n'ikindi kidashidikanywa :
Mbese isoko y'urubogobogo
Yavubura ikiziba bigenze bite?
Wigeze wumva ikirura kibyara intama,
Isatura ikabyara inyana-mukondo?

Bikere mu mizi ubyitegereze
Unsuzumire nzimize mbiguhe.
Wa mwali ufutse uburanga
Niyigema urugo agabe Gihanga
Ahangamure igihugu mu ishiraniro.

Mbese umusazi yabyara umwali?
Umwotsi ugasobeka urugo?
Umupfu wanutse akagaba ubuzima?

Ibyo ndabihakanye ndabiguhebeje;
Ntawikura ilyamwonkeje ngo alitaruke.

Wa mubyeyi abaye ihoho
Ikaba imhanvu abyara ihogoza
Agacura igihugu akagicurura
Agatanga imbuto iganza umwanzi
Kigakura cyonkejwe n'urureli rwe.

Turare inkera tuvuge iyo ntwali
Yahaliwe guhashya ibiterasoni
Imhano twhirewe izaramba
Umuhoza w'Uhoraho mu Rwanda
Ingeli yashimiwe ingeso zinoze.

UMUCULIRO

Umunyarwandakazi uko ateye.

Uwo mvuga ndaba Mukamwiza
Muramye ndota umugeni ukeye
Nzamurate nyina wa Mriza
Yakoze byinshi bitwizihiza
Azatujyana atugeze hilya

Nyakubyara anyuze rubanda
Mu kumushaka anogeye imbanda
Urugo yagenewe ararwibanda
Ararurasanira akaruzilikana
Inama ilyoshye ndayimukeshya.

Imico inogereye ndayimushima
Nshimishwa nuko yambyaye
Akamheka avuza ubuhaha.
Mfite inkomoko iteye ubwuzu
Yamhaye ubwenge bulimo ubwende.

Umunyarungu yarabirahiye
Ko urugoli rwera azaruhorana
Ararukwiye ahetse igitego
Niwe Mukeshya w'abanyarwanda
Agaba amahirwe ngasinzira.

Nyina w'abali twarahuye
Ndamureba sinamuhaga
Ndamuramutsa byo kumugwa mu nda
Ndamwegera ndamuvugisha
Amwenyuye umuseke ureya.

Namwibwiye ntawe mbajije
Nta nyana iyoberwa nyina mu mwijima.
Umunyarwandakazi arakeye
Ndetse asumbya benshi intambwe
Ntateze gusumbwa n'ibisuma.

Inkandigiro ye yarenze imvugo
Icyubahiro yaragihoranye
Igihe ahetse igitambambuga
Atera imhumbya igihugu atuye
Akenyeye ikanga abitse ibanga.

Afite igikundiro n'uburanga
Alisukura bizira inenge
Yashokoje akenyera neza
Koko araberewe sibmeshya,
Mubili umyoye anogeye amaso.

Uwamubyaye agira amahirwe
Uwamushatse aranezerewe
Uwo babana yashize irungu
Baragendera ko bamufite
Umugeni mwiza, umugaba-buzima.

Utazuyaza azi ibyo asize inyuma
Umutijana inzira y'ubumenyi
Agira urugwiro agira urukundo
Araganira akagira inaha
Alibombalika akamenya bese.

Ntasinda ntasahinda ngo asuzugure
Ntiyisihinga nk'umunyamazimwe
Amenya gufatikanya na bagenzi be
Ntawe yanga ngo amwigizeyo
Bagilishya agira ishyaka lidashyikirwa.

Atanga uko afite azigama n'urugo
Umutima atunze uli mu gitereko
Yigisha ibyo azi akiga ibindi
Asendereye ingabire nyazo
Arashyikirana bimaze icyira.

Mu bukwe bwawe araguha imhundu
Umugeni uganjye amutekeshe
Umwana ubyaye amusimbagize
Amusige neza amugogereze
Azira inyange yanga abantu.

Ntasaza ahorana ikirezi
Amaso amurora ntanairwa
Araberwa nzobe idahanda
Yatsinze amaseka ndakubaliye
Yifatiye ikuzo limufurebye.

Arasusurutse ntasuharerwa
Ngo yicare aculike umutwe
Ajunjame abure ijambo
Ntatinya kwizihiza igitarambo
Kuba umubyeyi ntibyanga ijabo.

Uzanyaruke ugere ijabiro
Urebe Rusengo rwa Mwiza
We namushatse amukwiye
Akamurangirwa n'Imana
Ubwo yerejwe n'Iyamuremye.

Imuha kumenya umukunzi
Imuzahura mu ruzi
Imuhunza Rusenzi
Atangira atera uburezi
Atera amatsiko inkenzi.

Rubanda bamurashe muzo
Batamusebya bamusiga ikizinga
Ngo ntazameza Rusengo
Ngo aragiye ntabwo araye,
Ashinga umuzi abaha akarorero.

Barakora bamusendesha amazinda
Alikomeza ararwanya aratsinda.
Acuma ishingira arayitegura
Akukira inka yahilira inyana
Arangije arakaraba zirera.

Avuruga amata arajyanosa
Ateka imboga arazinumaza
Maze aratumaza aratangamara
Aba mu ruhimbi avuzaga uruhindu
Bimaze kabili atanga nyabitabo.

Aho yicaye hose akajya azikikana
Ntawe alyibiye ngo azamubare
Agakulikiranya imilio nkenerwa
Akayihira iminsi n'igihe ikwiye
Uwo mutwari ahava awutuye.

Igihe kiraza bagera mwabo
Agiye guhinga amara ibigunda
Arasarura asagulira isoko.
Isuku y'urugo iratangaza
Kumenya umugabo bwo arahebuza.

Nasanze asukira mu busitani
Ndeba dodo urulinganire
Intolyi, isogo, isogi n'isaga
Inyanya, igitunguru n'ubunyobwa
Imboga nyinshi za kizungu. . .

Keretse twigumiye hano tubizlikana
Nkavuga imhungire z'ibishyimbo
Imitabo, indarane z'ibijumba;
Garuka urebe imibyare y'insina
Ntibagiye kawa magana inani.

Ese ibyo byose ko mbikubwiye
Aho ntiwagize ngo yarabisanze?
Yararushinze arabigaragaje
Arutiza amaboko nta bute agira
Ahina umugongo ahashinga ibigwi.

Ibaze uko byose bitunganywa;
Abifitiye urugero Mukamwiza
Urugo atwitwaliye mu gapfunsi
Yarwipfundikiye ku mweko
Ntiyasimbuka arusize inyuma.

Wageze mu nzu iwe ntiwasohoka
Harateguye hahora hatunganye
Uko yandurura aranasukura
Yarayitatse arayitanaga
Ni urukerereza abagenzi.

Imitako ye ntihenda irahogoje
Ntiyayitanzeho amafranga
Yalitose alitonda arayikorera;
Imfuruka ya ruguru irateguye
Inyegamo nziza izi z'ubusuma.

Amabara avugaguye kinyarwanda
Arayatera binyura inzira imwe
Ugura imikeka yo mu maduka
Ntamurusha inzu iboneye
Iwe hali igikundiro n'urugwiro
Hali n'ibindi binyuze amaso

Ubone urusika yisobekeyeU
Ukabona inkangara izi zisenze
Hakaba ibiseke n'imitemeli
Biranejeje kuruta inka ijana.

Ntiwabibalirwa utahigereye
Bilimo ubuhanga budakemangwa
Bwicaye mu ndili y'ubudakemwa
Bubengerana nk'agasusuruko
Mbese buhunzemo urunyenyeli.

Kumenya abashyitsi arabyifitiye
Ntiyabitijwe yarabiremanywe
Ijambo lyiga limuba mu nda
Intamati ya Mutijima ni imanzi
We mfura ikumenya mu mfuruka.

Kulikirana yaguhaye ntiwahaga
Byaba byinshi cyangwa se bike
Wakulikira isuku ibiranga
Ntibigira igajiro bihamya igaburo
Amazimano yey yeza umutima.

Abitunganya ajya kubitanga
Akitanga agataruka iteme
Ngo anezereze uwo yabigeneye
Abone uko abimuha abimuhaye
Uwamusanze aba yisanze.

Waba umugabo umugore umwana
Indushyi imbabare ukaba umurwayi
Mukwamwiza ggufata uko uli
Agukiza mvuvu zivuna imbavu
Akagutera imitima ituje.

Ruragendwa amize^ro ya Rusengo
Rusingizwa n'inteko z'ababyeyi
Rulilimbwa n'igiterane cy'abavandimwe
Rutaramirwa n'abo ruhatse
Rugatoneshwa n'incuti bishakiye.

Dore abahetse igitambambu
Acukije Mico na Mhayurwanda
Basukurwa na Condo mukuru wabo
Ni we ubazigaziga akabazigama
Yabitojwe na Nyina wabibarutse.

Bazira umuze ntibazi inzara
Bafite ubuzima busagambye.
Aradoda akaboha imyenda
Maze yabafubika bakishima
Bakamushengera bamusekera.

Uburere baronse burashamaje
Ubupfura isuku barabikuranye
Imbutu yararemeye iratengamaye
Umuhire wayakiliye aranezerewe
Yagororewe ^uurgoli rumusa.

Komeza dushime Mukawmiza
Ni we sesero ly'urukundo
Rudasumbwa ikigega cy'umubano
Igisabo gisendereye ikivuguto
Akaba ishingiro ly'amajyambere.

Azi ko abashakanye bubahana
Mu gihe bitunganye akubaha umugabo.
Aratamiliye abereye umugabe
Yizihiye umuganwa w'iwe
Tumurare inera mu mihigo.

Uwamushatse ntatinya igiterane
Umugabo amushakira icyubahiro
Ishema mu bandi akalimuhesha
Iteka yunva aho agomba kuba
Bikomoka ku mukeshya umukunda.

Ku mugore n'umugabo bashakanye
Ingingo y'ingenzi ni ugukundana
Bitali hejuru mu magambo
Bikabaha kwubaka uko bikwiye
Batamba ineza mu rugo rwabo.

Basabwre ubutungane bizihiranye
Bambutse bageze i Rwabashyashya
Ikinyoma cyimukira ukuli ku ntebe
Imbogo yimukira umucyo
Umugore mukuru ashyikirana n'umugabo we.

Mutima ukeshya umugabe w'urugo
Umugeni umwali umugaba-gihugu
Ruhimbi ruteguye uruhu rw'imondo
Mara igihunga abahuzagulika
Banyura iboneye izira ubunyereli.

Ilyo rage lyiza ly'Iyaduhanze
Ihanikira benshi iralitubitsa
Wowe gicumbi cy'urumuli
Waratubanje dushira inyota
Uraducuruze uciye akenge.

Intebe yawe iganje mu bicu
Uli Rugambwa ku isi yose
Uwo mubana yakumenye kare
Uba mugenzi we mujya inama
Nyambo ibyiruye Indamutsa.

Uliyumvisha ko ufite intambwe
Yo gusangira n'umutegetsi
Ukamukarabya ukanamusekera
Ukamwubahiliza akinigura
Mugasangira inkongoro.

Akaguhobera abyifuza
Mukabyarana abyishimiye
Akamenya iteka akamaro kawe
Akagucunga nk'uwicunga
Ntagucuraganye byo kujaja.

Cyo nimubyarane birakwiye
Utegure abana bazige imbogo
Bajye bakenga bakine iwabo
Bagabe igaju barere intama
Rugira-byose ibe ibamulikiye.

Muhete uhetsa umaze agahinda
Turaganire tugutsinda
Tukubahilize tutijana
Udandure imico waculiwe
Uyidukwize twitwe abahange.

Usasa neza usegura umugabo
Akaba kirandatwa atyanze
Wamwitura iki mu masimbi
Utaremeye ingabe ngo ayigabirwe
Ayishyikilize uwamurasaniye.

Yime ikinani cy'amaraso aseka
Asasekare ku ruhete ategewe
Zikulikiranye iyo ni Nyamwasa
Ni nyamutengeneza abatetana
Uyishyikiliye agashyigikira undi.

Uwo mutima uza mu bigansa
Ziliya mhuhwe zo ku rulimi
Kwifatikanya no gufashanya
Guca inkumbi atora agahaheke
Bikwira hose biturutse ikambere.

Reba iyo arwaye Rusengo
Eudasumbwa no mu imulikwa
Amurwanaho akamuvuza
Agakora hilya akamushyigashyiga
Ngo ijora ligende litamujiyanye.

Agakuba umugongo mu gishugunda
Avuguta igicuncu n'umuravumba
Atangaza yanga ishokoro
Iyo kumuhuhura likamuhuta
Bakawusangira amwiyegamije.

Akanwegera ilyo joro lyose
Arekereje ngo arore uko ameze
Agasenga imandwa z'uwamubyaye
Byalimbanya agasuma na Lyangombe
Akambaza Binego by'umamushakiwe.

Akiyambaza inkunga ya Nyabirungu
Maze Ruhanga yaneza imihango
Imhundu zigororotse zikavumera
Ubuho zikaba zèze akamondora
Akamusubiza ubuzima agahumeka.

Umugore mukuru wamunganya iki
N'iyaza lyererana nk'inyange
Mu bulyo byera bitagatifuje
Ninde wakwibagirwa uwamurongoye
Uwamugize umugore, akamuha ubugabo

Umwe wamwogosheye amasunzu
Bagasasa bumwe ntacyo bazira
Bagasangira umwuka bapfumbatanye
Ntibaterane ubwarare n'amahumane
Kandi batarasangiye inkongoro!

Icyo umwiru yavuganye n'umwami we
Wakibwirwa na Shitani iturutse hehe?
Umugore ni umwiru, umugabo ni umwami
Bombi bakaba magilirane
Babyalira u Rwanda bakarurerera.

Uko mugabo yororokera ku mugore we
Nawe arabimenya akambara umunzenze
Akimenera imitsindo idahigikwa
Ngo atambira urubyaro n'uwamushatse
Maze igihugu gitekane gitengamare.

Yaca imitsindo si Nyirabyatsi
Ni Nyiramaboko akora atamugaye
Nyiramaliza aheta ubukungu
Imingu igwira ibagega
Amahoro ahinda i Rwanda.

Ntawamuhinyura ahensse inkindi
Nsanze akunzwe ntagahalikwe
Ntagahurulirwe n'abamuhema
Amazo ntanyereza inyambo
Inyamibwa zilyamiye imyugaliro.

Umubili umutima ntakemangwa
Yaraliboye umutima n'ibyano
Anyoye umutima Muhundwangeyo
Avubura ituze ni we udutunze
Imvugo imukwiye irajimagije.

Duharanire iteka kumukulikiza
Dushimishe abo tubana bose
Tumulikire abaturora indandagiyo
Tubwemereli imbere n'inyuma
Dutungane dutwame abikuza.

Kamere nyarwanda igabe ubunyanzi
Imana yaremeye itetse ijabiro
Mucyo w'intore zisezeye
Rumuli rw'imitwe y'ahandi
Tugabe ibihozo igihe cy'amage.

Shaka isumbwe intambwe igwire
Ijoro ligande libise umunsi
Tulyame mu ndili y'urukundo
Tubyukane ingabo yarwo
Twizihizwe no kugahundwakaza.

Mukamwiza yagenewe urugo
Yahawe ingabire yo kwitonda
Atereka intango batijana
Anyuze Rusengo wa Shyaka
Rusenga-mihigo mba muroga.

Atozatoze atoze ubwiru
Agaragalize abanzi ikinesho
Abacire igisabiko cy'imbazi
Urwango rwimukire urukundo
Ashyikilize urugo umutekano.

Bihuliranye imihana yose
Byaha igihugu kudabagira
Ku ishimo ly'abagituye
N'abo kibyaye bakagikorera
Bagasobanura imyama bagitaramiye.

Uwubakiwe n'umugore mbonera
Asuma uwitwaje Ntsinzumusazi
Mu nkingo n'inkike y'urugo rwiza
Mu nkengero za Mbonaŋihita
Haboneka inkindi za Nyirarwo.

Umubyeyi ameza imflyango ihuje
Imana ikagabira abami ingoma
Ntibazindazwe n'amashya
Abuhira intsiⁱrme ibasindisha
Ibaroha ishanga Iya Bushya.

Shikama ushime ikidutonesha
Uhungure umugome urasamu cyico
Uliya mubisha ubunza amazimwe
Iyo nkonkobotsi ije ali igitotsi
Byara usubize ingobyi i mugongo.

Tsindira umugabo abashungerezi
Umuhe ibanga limworohereza
Nazanzamuka jya umwakira
Umwondore umusabe urulimi
Maze muvugane ibyabashavuje.

Mwiherere muli imusego
Ibyo ntisohoka bikaba ubwiru
Mubizilikaniye ikambere bigahwana
Kuva ku ngeso ntibiruhanye
Murangiye guhanagurana ikimwaro
Mugasubirana kwakirana bugeni.

II. ASHAKIRA URUGO IBYISHIMO.

Ese mugenzi wowe umureba
Reka tubaze umugabo wamushatse
Ikaze lyiza lihora ku marembo
Akanyamuneza yihoranira
Kamuteye gutebeza umutekano.

Ntiyijane kuruhukira mu rwe
Urugo rukomeye ruzira induru
Ruzira ngicyo cya kirura
Cya kirara cyo mu ndaya
Cya kimungu kilya ibyo cyibye.

Cya gisahiranda kidakora isuka
Cya gisambo gikenya abana
Cya gitsimbanyi mu bategetsi
Igihu mu gihuru cya Nyantango
Mbese ishyano litagira gihanura.

N'ibindi bitutsi byinshi cyane
Bitegurwa n'umutima mubi
Umugore gito atoteza ku mugabo we
Umugome usenya uwo ~~banywanye~~
Akamukabura akarondomera.

Aho kumukosora bacisha make
Inkoni bakazivamo bakarwana
Isi igakaka, amahanga akabota
Ibyo ntibirangwa kwa Rusengo
Baliherera bakumvikana neza.

Yaba nka nde utamwifuza?
Uwo bajya inama bakayihuza
Byabagwira bagaheze imbwa y'umwami
Waramubonye ugira amahirwe
Ihangane uharanire kumuneza.

Wilimutesha umufata nabi
Mu magorwa mutere inkunga
Mu magorane mugire inama
Utsinde uhulyalya ni bwo busenya
Ibisigaye mubyihwabe muzahuza

Niba warayobewe waraligoboye
Waramubonye ali umusinzi
Ali umusambanyi w'icyago
Atazi abana atamenya urugo
Wihutiraho ngo musahinde umuhutaze.

Gerageza umusuzume mwitonze
Umwereke urukundo n'ingeso zose
Umufashe kwisubiraho utamuhonda
Ni uguca amaboko yagukoreraga
Ukabyalira igisabo cy'abana bawe.

Uwo mukesha asanzwe yumva;
Gira ubuntu umwereke ko yacitswe
Umusobanulire ikibi muli kumwe
Umuhane uhamije umwereke inzira
Nibiba ngombwa umugeragereze.

Erega shenge ni uburwayi
Ni igituntu cyo mu gihanga
Kimuhanda kikamuhanura.
Umurwayi wese ashakirwa umuti
Yabona ubuzima agakora neza.

Ni nde utakwira imisozi yose
Ngo yunguke umugore ukwiye urugo
Bezabana bagasabana umudendezo
Bagahwitana ayo mayobera
Bihweza guhorana umunezero.

Ngaho mugeze mu zabukuru
Akwita iwacu umwita iwacu
Mugabo muzima mugore mwiza
Ihogoza mbyeyi zitubyiruye
Mwihanganire urugo mwubatse.

Mururasanire musobekereze
Aho mubyaye babone ishingiro
Babone inkingi yo kubasunika
Imfizi ibyara uko ibyagiye
Mubyitondere harera urugero.

Gahungu aho mu mucyamo
Na gakobwa iyo mu mbinga
Bazabe inyanzi mu mico yabo
Bazubake inkike zizalilirwa
Bazarangweho agasigamukuru.

Mwana wumva ubaha umubyeyi
Umwiture yarakureze aragukuza
Yarakuvuniye mu buhinja
Wamuraje amajoro atabaze
Umutera imitima ihagaze.

Abunda ikime buli gitondo
Ajya gushaka icyakuramutsa
Amenya ko urwaye asuzumisha
Ntiyagoheka kubera wowe
Igise cyawe kiramuhaganya.

Kiramuhherana kugeza none
Kirashingiliye kugeza n'ejo
Bimwubahire ko yaguhetse
Akwihototera igihe cy'akanda
Agusobeka imisuli ku nda.

Amalira yawe akamuhamura
Akarondogozwa n'icyaguhoza
Bimanura amalira ye mu gihanga
Ananirwa gutamira ngo asamure
Gusoma amazi bikamuguruka.

Yalitanze ngo ukuremo umugabo
Muhimbaze umumare intimba
Umumare icyira kimupfukirana
Umuhe kuburwa no kuvumera
Maze asinzire umusimbure.

Izina lyiza ajya aguhamagaza
Ati : "Mwana wanjye, enda gira utya"
Hora uteguye kumutumikira
Uzamurerere uko yakureze
Umwuzukuru we avuke akuruta.

Uzilikane uko yakugiraga
Bikwereke ko ntawundi ugira
Uzasumba Nyoko ukubiyara
Uzakuvunikira adateze inyungu
Usibye Imana yamuguhaye.

Azagusigira iyo mico myiza
Ni we wakureze akaguha igihugu
Gumya uburanga urangamirwe
Ibyo wahawe urabimukeshya
Ishimwe limusa ntawalibona.

Gerageza uzi ubwenge bwo mu ishuli
Icara hasi umuheho uruhare
Umwigishe ugye umwandikira
Ayisome neza asobanukirwe
Ayisubize akeye uko abyifuza.

Cyo mutsindire kwerera
Ngo abungere ajya gusomesha
Uzi ko kirazira yamuhamuye
Muhe urugero ujye uyigizayo
Areke kudindizwa n'agaheshyi.

Ateke byose biremya amagara
Agabe ubuzima budukomereho
Ameza y'iwe agene ibiyoboka
Abayasangiliyeho bavuge rumwe
Umubili unozze umutima ukeye.

Babikeshe agasuka n'agasamake
Babiherezwe n'umubyeyi
Bilingire igi banywe ikivuguto
Uteye icunga akabona umutobe
Ntakizira inka ngo cyice inzuki.

Wimuhemukira ngo ube ingegera
Ube icyomanzi, ikirara, indaya
Ibyo byose biramubabaza
Ukamutoneka ugashigishiliza
Ukavumbura igise cyawe.

Cyamulishije akatalibwa
Iyo akubonye wiyandalitse
Ukenyeye regeza, ugasoma isazi
Alirabura akabura cyeza
Ibyishimo ahorana bakumuyoka.

Bikanyura mu myanya y'intoki
Bikalibwa n'imbwa, imisega
Intimba ikabira ikamuturagaza;
Wimupfunyikira ako gahinda
Atazaturukwa n'ayo maganya.

Muhanikire amajwi asobanuye
Adatuma atatira urumuhamiye
Yakundaga Rusengo, Mukamwiza
Iminsi yose ari we azilikana
Ahora amukeshya akajya mu bandi.

Rubanda balilira ubulyo yashatse
Iyo abyutse aramusuhuza
Bakifatanya bagasabirana
Akanyura hilya akamugiragira
Ngo ajye ku mulimo adakerewe.

Akamuha ireme amusezeyeho
Nawe agasigara sibana n'urugo
Ngo bazahuze ibikorwa byabo
Umwe amafuranga yo kubakenura
Undi imyaka yo kubatunga.

Inda igira nkana itazabarushya
Kibuno kigatuka ugikenesha
Biteze imbere badahusha
Batsinde kureka amashyi
Bikomeze bazahembwa n'Iyabahuje.

Amenya ko agiye guhangayika
Akagena ifunguro igihe kigenwe
Agasigara amwitegura bushyitsi
Ngo atamwakira agifite umwanda
Wo mu gishanga no mu gikoni.

Ubwo akiyuhagira akayagirana
Agahindura umwanda wamunogera
Agatega urugoli rumwizihiza
Alilyo kamba Iya Rusengo
Agahumeka anamutegereje.

Nawe akabalira akaba arahageze
Ati : "Nguyu araje uwo twabanye"
Akibutsa abana kumusanganira
Akabaherekeza bamusanga
Ngo baramukanye bafite ubwuzu.

Amwakira ku meza amwishimiye
Koko agafungulirwa nka yirarwa
Akibagirwa icyunzwe n'amagorwa
Ibyamurushyaga bigasesekara
Agasubira ku kazi ali umusore.

Kandi yavuyeyo yashaje ashiliwe
Ashajishwa no gucuragana
N'ibitekerezo birenze umutwe
Umugore mwiza nawe akabimenya
Akamwonyura, akamutura akamawakira

Ijambo luiza likamukeshya
Akibagirwa ibyamuvunaga
Dore uko ateye birandenze
Mbese nawe ntiwabyumva.

Afite uburanga bwo ku gisabo
Azira amagambo yo kumusenya
Umumugayiyeye ahita amusubiza
Ati : "Sinamushatsemo umumalayika
Ni umuntu nanjye nkaba we

Ubutungane buhoranwa na nde?
Kubushyikira bwoese n'ikigoye
Ubwihangane bukaba ingenzi
Amoshya umbwiye sinyakeneye
Ilyo tangazo nali ndizi

Ahubwo iyo umbwira umuti ubivura
Ukanshyigikira nkubaka nkarukomeza
Ntutese kurusesa no kurusenya
Wishidikanya ntaho aguhishe
Biragaragara ko amukunda cyane.

Ntalingushya nka maraya
Ntabaza inzaratsi zo kumuculika
Ntiyicanira amwikinze
Arafurufumba akamunshyikiliza
Anyujije mu kuli akamwihebera.

Rusenge akaza kuza nimugoroba
Bagasuzuma urubyaro bahetse
Bagashimishwa no guhura bakumburanye
Bakabona umwanya wo kwireba
Ne kwiregura bombi biherereye.

Ati: "Rusengo mugabo wanjye",
Ibyo nkubwira urabifata ute?
Nalyibiwe n'umukunzi waba umwansi
Birakomeye ndaguteguje ntibikubabaze
Badusalitse byadusenya tubifutare.

Ijambe libi lihera munda
Likaninda ligafungisamo umufunze
Lyataraka umuvu ugatamba
Isuli uzi ko ntacyo isiga inyuma
Ntitugakukumurwe n'amahomvu.

Ngo twiyereke abo kudutanya
Ducutse abana igihe kitageze
Tuzimuranye tutamwara
Dushwatururane nk'ibikoko
Uwayaganze akenyere imishamito.

Umugabo yunva icyo cyizere
Akamuhobera amuha inkunga
Bakarasanira kusiba icyuho
Bakabiceca bagatera imirwi
Icyahanduje kikayoka kikayoyoka.

Bakagiha umuti udasubirwaho
Bazira inzika n'agakeranda
Baraziranye Imana ishimwe
Bumvikana ku makosa yabo
Bakiyunga badahuganye badasitaye.

Nyakubateranya ntabice ilyera
N'urushishi ntirubikoreho
Ngo isazi ibirunguruke
Isabizimure bisakare
Bakabikenyereraho bigahera.

Maze kumenya ibyo nalibajije
Biranziindura nditonda
Nshaka akazina kabasusurutsa
Kabamenyesha ko baremetse
Nababatije Injyamugambi zawuhuje.

Menya ukubyaye, urushoho ugushatse
Nwahuye muzi ubwenge
Mukihanganira ingeso nshyashya
Ukamwihanganira akwitaho akagutosha
Asorera ipatane yo kugutunga.

Mu gihe cyiza no mu magorwa
Inzara yaza ntakwibagirwe
Uwakubyaye atakugemuliye
Cyo tekereza umugaba wawe
Waguhaye umubili n'umutima.

Niwe mwanywanye ku mhu zose
Kiliziya yabahaye i Sasabirago
Nawubaha ute ngo abimenye
Shyingura ibanga bimususurutse
Musangire akabisi n'agahiye.

Mwimenyanire urulinganire
Uwakubyaye n'uwamubyaye bombi
Muterane mubaganilire by'abana
Batura inkondo ababahetse
Bahimbazwe n'urugo mulimo.

Bazire ijambo lisebya uwawe
Urwo ruhande ntibarugenewe
Bikaba uruhare rubahanda
Byabababaza babyumbise ntibabicuko
Uwamuvumagura byagushyikira.

Bigacubya urukundo rusesekaye
Ntubw ukirwana kubo wabyaye
Amasezerano ubwo ukayasesa
Maze ukarwubaka ku birenge
Ukabungera nta kivulira.

Mukamwiza we yarashikanye
Urugo rugoboye ishyano ntashiguka
Ahora aharanira kulisunika
Imbogo n'iyayo bakayizilika
Babanje kuyizigaziga bitonze.

Ategura igikoma gihembura ingabo
Inseko nziza ikaba ku mutima
Akihonga arasanira gutsinda
Ubwo Rusengo akamuba hafi
Nawe akamwumva bakabisangira.

Bakabyakira uko babigenewe
Batisheshe biyereka rubanda
Ngo balize Condo na Mhayurwanda
Bakamulikirana amasengesho
Bakagarura umunezero mu rugo.

Uwarusenyaga akabura inzira
Akagwa mu kantu akajujubywa
Akabebera abura aho akwirwa
Inkanizo zirandukana n'umutima
Bakabihosha babyogesho igisanza.

Ni iki cyasamba ko babanye
Kizima atsindika ikizima
Atamba ineza tanga ituze
Akaba n'inteko itsinda bwaki
Ubworo bwanduzwa n'ubwemanzi.

Bakegerana bakengerana bakalikesha
Bati: "Data, data, data, data, data."
Cyizihizaburanga umuteni w'abato
Akabigisha n'asigaye inyuma
Akaba isoko y'imvugo mvuga.

Tukamukesha urulimi rwacu
Mawe, Jambo lishyitse i Rwanda
Rukore mu mizi urukenkemure
Ruzire ikizinga cya madwedwe
Rwitaze imvanahanga iruniga.

Rutazahigikirwa mu kirambi
Ubuliri bwagukanye nyamusavuba
Agasesa ibanga agasuka ubwiru
Tuguhorane mwangeli twahawe.

Tera igicuba ukure urulimi
Ucanire umuco w'igihugu turore
Ubirage Condo na Mhayurwanda
Bizarambe ingema ibihumbi
Witwe umubyeyi wa Kanyarwanda
Urulimi rusugire imico isagambe.

Bizalirimbwe no mu mahanga
Rwanda ibe akaliza k'imico ihanye
Ihame lizaza ly'imheruka
Lizasange twese twiteguye
Waratugeneye intebe idukwiye.

Ku musezero w'igihugu cyaduhetse
Tuzaragane hatabura na Jogo
Twumvikane tuvuga rumwe
Tuganire tugaragase ubumwe
Twakuye mu ngobyi yaduhetse.

Twiyunge izo nzira zose
Birange mwene Mhayurwanda
Na Kanyarwanda ba Rusenge
Wasizwe asimbagizwa na Mukamwiza

Kizima gisibanganya ikizima
Jambo lya jambo wa twese
Dukize amahomvu ya rwana
Shingiro ly'imihango myiza
Ni wowe cyubahiro cy'igihugu
Waremewe gusubiranya inkangu.

Utorerwa gusumbanya no guhitamo
Gusereka no gusasanura ibiliho
Ngo umucyo uteke i Rwanda
Gikomangoma atere intabire
Rwoga iramutswe iyo mu Burayi.

III. UBUMENYI BUSHINGIYE KU MUCO W'IGIHUGU.

Mu mashuli urajye ushira ubute
Ntibigitangaje kaminuza uyivogere
Inyana nyarwanda ikwirwe ubumenyi
Ikinyoni kigurutse kitavuze
Usanzwe ubizi cyitwa icyana.

Ubwo ntuyobewe icyatsi n'ururo
Umuntu arapfa umubili ukabora
Roho igasanga uwayihamagaye
Aliko ijambo ntilikebakeba
Lyaba lyiza lyo gusubirwaho.

Byaba byanditse bikarushaho
Ligatera intambwe ijimije
Ligahetura ingo n'imilyango

Cyo ganza amatsiko yo mu mahanga
Uhashyire inyandiko izabakwire.

Ibisige byawe usigura inkonde
Utaka ikirezi, urugoli utamilije
Kumenya abana ntubiyobewe
Umushyikirano niwo ukuranga
Amazimano akwira abashyitsi.

Usasa usegura ukeka abashyitsi
Iyo walimbye ntawe uguhiga
Ntiwahinyuka ku myambalire
Uli umubyeyi unogeye ijisho
Umwuzukuru wawe ntazabalirwe.

Iyo pica ikeye urayimugenere
Azayisange mu Ndangamucy
Igitabo wanditse n'intoki zawe
Uwo uzaheka ntumwisha urume
Iyamuhetse ihore ihanagurwa.

Izamalikirwe nyina wa Jambo
Mutekanye haruguru mu ijabiro
Ab'ijuru balirimbye ubusugi bwayo
Wambare amasaro n'amasimbi
Imhundu zacu zivuge urwunge.

Erega umubyeyi aca inkoni izamba
Tegura ikindi gifite akamaro
Maze kizitwe "Iragira-busugi"
Uwagucitse agaca iruhande
Akigana amafuti y'imuhana.

Niba waramuvumye vumura
Useruke umushakire intsinzi
Nawe ni umwana aragukeneye.

Mwuhagire yere agarure uburanga
Akubahilize abere igihugu.

Yizigure inyambaro itamukwiye
Umusubize icyanga cy'uko yaremwe

Ahitemo yikure ubuvulivundi
Hishime yikundire kwirabura
Amenye kulimba no kwikesha.

Maze yisige umubavu wataze
Yicuze yiyangire ibimubabura
Yilinde kuba Rwohejuru mu kirere
Ashire ubute ate gushibagusa
No gushira isoni agata ituze lye.

Ihangane wimwangira uko yabaye
Ngaho mugarulire abamushaka
Cye musubize umucyo yataye
Bihanye umuteragure umwendere
Tubage ingumba tukuzimane.

Rutisunga igihu n'icyubi
Jya wakira abashyitsi abenye
Muvuge ijanbe litatuye
Lice mu gicumbi cyamubyaye
Limugarukeho lifite ingabire
Lyuje ubwende ligaba ubwema
Lyuguruliwe na Se umubyara
Amusimbagize amuhe igikwiye.

Ureke kumwerekako ko wamugaye
Musange umwegere umwiyegereze
Ulimumenereho buhoro buhoro
Ubuheli bwose ubutsilime buve
Ibisebe bikandwe bishire amashyira.

Mu minsi mike utwereke inkumi
Usibe inzigge ubwirure abasore
Inkovu zose ubwo zisubirane
Kubera umwete n'umutima ugira
Inyandiko iganze ubwiyangise.

Tumenye ubupfasoni bwaganje
Bigabwe nawe Mukanwiza
Utaragenda agegera musanganire
Umutoze isuku aho atuye
Akulikire inzira y'ubumenyi.

Umukundishe imico y'igihugu
Amenye gukora imilimo yose
Azajye ahinga atere intabire
Yicare atake avuye kubagara
Abaze atanage ateme igishike

Bakine bombi baniyereke
Bagerore ingingo bahanye ubuzima
Babone umwuka ufutse bahumeke
Buli wese azilikane ibimugenewe
Bagukunde bakubitse ibanga.

Mugire inama itamuvunagura
Imulindagiza ngo akubonemo mubi
Uwo wabyaye umurusha ubwenge
Nowe ubitse inaralibonye
Iteka lyose umutoze kukwizera

Ajye aguhanusa atarahanuka
Ngo agwe mu rwobo ubutasagaruka
Amahwa amuhande, ibisura bibabe
Umuzamureyo atakigira ibara
Ubure uko umufata yahorose.

Rera urukundo rwe rasagambe
Rutazataruka ahatarukwiye
Rukisunga igihu n'icyubi
Jya wakira abashyitsi abonye
Uvuge ijamba litatuye.

Baheze umusore ashinge urugo
Se ahane amarembe adakerewe
Cyangwa se alitemye alindagira.
Bategure Nyampinga azaze akeye
Ahawe uruhushya n'imilyango.

Aherekejwe na batatu badakuka
Igisabe kibarangaje imbere
Ukabona ibiroli by'umukazana
Byijihije Bamwana bawe
Mwaravuganye ijamba lyiza.

Umufite iwawe ni umukobwa
Banza urebe ko yarushinga
Akitsinda akajya arutsimba
Maze umukoshe bya kibyeyi
Ushake inkingi azashikamira.

Ibye kugulisha ubisige hilya
Munyarugwiro usobanukiwe ukabyumva
Ugaha inama umugabe wawe
Mugakuza ishya ly'abavutse
Bakaba irebero ko muzutse.

~~Ukubwira umuhamya umuhamya~~
~~Umuhamya umuhamya umuhamya~~
~~Umuhamya~~

Mukuze neza musize bubatse
Akagena inkwano uhafite ijamba
Reka gushegera kwa Naka
Mu bahungu no mu batunzi
Basabakwera bihogo nziza.

Ntibaba gutunga haba guhirwa
Ngaho irebere urugo utuye
Wibaze urebe ibyo wahasanse
Ugereranye neza n'ibyo mutunze
Kuli iyo ngingo uvugire umwana.

Yisangire uwamukunze baruhuje
Bakumvikana batabihatiwe
Baziranye bazifatikanya bagahaha
Bakabyara bagaca n'inka
Bakihanganira irera n'ihaka.

Wimaranira ikitwa ibiseke
Ituro lyiza liva ku mutima
Araye neza uba waramutse
Batekeye utuwe ibitunganye.

Mwikosha ibyo gukokonyora
Umukwe wanyu atazavunika
Makamutera n'amavunane
Akayasiga umwana wanyu
Umuruho wose akawumugenera.

Nyili igicumbi umugabo wawe
Akeneye kwumva icyo wifuzaga
Bimubwire mubijye inama
Ureke nereje kwa Naka
Irashukana ikazimya umwaka.

Reke ndikubwire ulizilikane
Terera amaso hilya hino
Benshi cyane bashaka kabili
Bagakwira inzu baburabura
Inzuzi zarereye ku mbinga

Umunyamutwe yarazitondagiye
Inkoko igatanga amababa yose
Naho urugimbu rwasetse mbere
Wishuka umwana ngo umuburagize
Urukundo nyarwom ntiruragulizwa.

Iyabahanze iba yararugennye
Wishavuzaga umwana akili mutoya
Utazanwanduza ubwamanzi
Imhamvu nyayo itagaragaye
Ngo nyimwumvishe nawe ayirebe.

Ayice mu mizi ayibone inenge;
Wisebya umwana ngo ni iby'ubu
Ngo umwakire nka nyina w'undi
Ubimusobanuzaga mwicaranye.

Imhamvu imutera icyi na kiliya
Maze uwereke ko uyishinye
Cyangwa se uyigaye utayishaka
Azasobanura uko abishoboye
Bikure bijya hejuru
Yisubireho museke mwembi.

Shishikara tera abana umunezero
Wisebya umukazana wo mu nkike
Ufite umukobwa iyo mu mbinga
Mufate neza abaye uwawe
Yazanywe n'umushyikirano gakondo.

Ifate wimushakaho kukuja jira
Nawe yijajabira muli byinshi
Mawe nyogokuru wambyaye
Urugere rwawe ruramubasha
Ruramushegesha rukamushobora.

Mukandwakaze uko bikwiye
Ujye ubumbatira niko bigenda
Nacikwa umubabalire bya kibyeyi
Mwiyeje mudahuruje imbaga
Ngo musharatagurane mukizwe n'ingabo.

IV. GUKENERA INYOTA Y'UBUVUMBUZI.

Ngaho ambara imheta urabikwiye
Batarame bakwereke ko bagukunda
Bakuganilira iby'amajyambere.

Uzi ko gusaza ali ugusahurwa
Ubwo rukujyanye twasigara he?
Aho ushyingura tutahamanya?
Ibyiza utunze byahonera iyo.

Ambarambaranya ugifite umwanya
Iguhugu cyikwereke rugikubita
Ko ugifite ahawe babikubwira
Utazasazana ya mashyi make
Wamenye kubana no kwitanga
Utumva inzara n'umunaniro.

Kwihanganira amagorwa y'urugo
Emera uhamye uhahe ibitekerezo
Bavuga ko ubwenge burahurwa
Ameza yawe aneze abashyitsi
Agendane n'igihe tugezemo.

Ifumbira lyawe lireshye bese
Nubona akanya ujye kwihugura
Bagenzi bawe babigeneze
Bazaguhugura wongere ubulyo
Wivugurure uvemo indakemwa.

Ntawe usebanukirwa na byose
Ukora byinshi bitangaje
Wareze urubyiruko turagushima
Aliko mu mizi nturahakora
Ivugurura-rugo liramenyereye.

Ulyijana niwe utoneshwa
Yateka ibishyimbo bikaruta inyama
Mu gutegura akareshya umwami
Ibisonga bigaba igaju
Ntahugane mu kwitonda n'ikinyabupfura.

Igi ly'inkoko lirere incuke
Umusigati uvemo isukali
Igikoni cyawe kube uruganda
Kireme abantu ingabo z'u Rwanda
Ramura abana irungu lihene.

Tsura ikidindisa uru rubyaro
Agashahura uwo washatse agushaka
Bakazengerezwa no kwandarara
Bagatwarwa ne kulya nabi
Maze ugapfakara bidakwiye.

Ugapfumbatwa n'abannyane
Walihenze ugabura nabi
Ukabulira inka mu n'ovu
Kora iyo bwabaga ucubye ishyano
Ucurukure imico rukukuli.

Uwali yige kamere yameze
Ama nyakubyara tukwamamaze
Uzadushingire umusi ukomeye
Tuzakurane amaraso meza
Tubye isoko ya Nyakibyeyi.

Tubigukeshya nzebe idahanda
Ganza amarumbo uvemo umuhinza
Muhoza watwese turabiguhaye
Hosha icyocyere cyotsa umubili
Tosha intamenwa azaculiwe ijuru

Kamagira ukuli n'ikuze urabikwiye
Nyagasani agukundira ibye ukera
Uzana umukuze w'ababyeyi
Ugasa n'uruho rwa Buhinja
Bikesha akabehe ka Rubyogo.

Bagahura ari Kanyarwanda
Kanyana kazira umuze ukazongwa
Ngaho shabuka wishira iseni
Vubira u Rwanda waga ibikwiye
Wisibanganya ibikuranga.

Susurutsa so na sobukwe
Waka umwangavu uri uwali
Uri uwana uri nyamhinga
Sinkubujije urajye ubatsinda
Mu bisigo byawe usigira abana.

Inanga ivumera ingobyi yahetse
Ihuta mushyitsi irasaba imhamba
Inkono, ku ziko ibyiraye Condo
Inkondo ikirezi menya ko byera
Uwambara wawe wubahilize.

Intebe ya Dawe uyilinganize
Bivemo guteganya iya sobukwe
Bisuma kare bigusanga
Umubili wawe inganji ikeye
Ubukungu buvungulirwa umunywanyani.

Ucume urugendo ugere no hilya
Wumve iranga-kuli ujijuke
Indeka yanyu uyigabire isuka
Urwitegerererezo rube mu gitabo
Isuli itaza ikagusa amaboko.

Inombe y'agasi igasesa imbuto
Ukahira Nyanti utalihaza
Ikinyamakuru ukagisunika
Aliye mvaho yakuyoboraga
Ukiraka mu gihu utamenya inzira.

Gerora akajwi uhanike urilimbe
Uduhoze tunyuze amatwi yo mu mugengo
Dukangara ubwenge bw'inkulikirane
Wahozwaga uhetswe na nyogosenge
Ubumenyi bwawe wibuherana.

Ibyo mu ishuli si ibihunikwa
Bitazatondekaho uruhumbu
Bigahuguta ugapfirwa ubusa
Shakura ibyatsi uvugute usabike
Mu bavazi urabe muganga
Utangaze imiti ifite akamare
Ubirage abawe no mu buvivi
Yiharahare abone ifatizo
Ayobore amahanga akize igituntu
Atalindiliye imvura y'imuhana.

Amazi y'ahandi ko yakaraba
Ufite ayo ugomba kwiyunyugusa
Wayasaba yese ibyo bigashoboka?
Ishakire umuzi w'anasomo
Ubone kwirukira amahanga.

Uhangare kujya mu bandi
Uvuge ijanbo lifite ishingira
Ube ishingiro ly'ubumenyi
Umenywe, mu ngenzi bakubare
Kimenyi asingize Cyitaitire

Tutira ishyamba Nyangamugayo
Uminuke aho Nyogokuru atageraga
Usingize Sogokuru uli kumwe na So
Muganwa ugandura ikibondo
Kwezi gukina mu bicu bya Gicurasi.

Segi y'isugi iganje mu icukiro
Ishakire ishingiro ly'amategeko
Ushinge umuzi ugabe amashami
Utazashorogotorwa n'ibishorobwa
Ukugagwa n'urulyi rugushitagura.

Ukazanduzwa utazi ko wandavuye
Ibyo ntibigutere kwigira igituku
Ngo uzunze umutwe utaruka inyanja

Wize imibare n'ubumenyi bw'isi
Urafata insinga umuliro ukaka

Ntibikubuza kuba umwali ukwiye urugoli
Urwiyegeye uba ukosheje birenze
Ndetse uba wiroze ubwirabura
Bishorere neza mu kinyarwanda
Wenge amarwa azira ibivuzo.

Utange ubwayi uneze abakuru
Abatoya natwe tubibonereho
Ko ukwiye amata, bayagukamire
Wize byinshi aho mu mashuli
Huza imilyango imenyane igwire

Umuto yimukire umukuru ku ntebe
Bose bihatire kubaha uwababyaye
Inzu yiyunge igaba amashami
Bamuhe icyicaro cyimukwiye
Bazane umuganda kwa Sogokurusa.

N'uwo yabyaye abone uruhembo
Maze umurwayi agire umusura
Utashye bahururane bamuherekeze
Ubundi ubuvandimwe buranuka
Ubonetse abonere ingo zose.

Inouti zize zihure ziganire
Amaboko ya twese agwire yaguke
Asasanire gusegura u Rwanda.
Nyamuna ca ibisambo n'ibisare
Bene wacu batungane umudendezo.

Basunike hilya ubulyamirane
Igaburo libonetse balisaranganye
Umururumba uhatera uhenuke;
Mbese karaga icumu mu bicu
Maze ligaruke libigwe mu cyico.

Ingeso mbi zose uziduhanaguye
Byaruhura umucamanza agahumeka
Bigashengerwa bigashimwa n'iyi nganji
Iremezo uzambikirwaho ikamba
Menya ko bilihabwe n'uwenze.

Bigutere kwitegereza usuzume isoko
Analiza ubuheta uhature imbyaro
Bakubonemo urumuli rubagishiremo
Ubupfura ushimwe usengwe iteka
Umutima wacu uhishure uducogo

Anaso tuyahange ibyo uruhira
Cyoko cy'amasangano y'inzira z'isi
Ubwagumbwa mu bantu bugacuba
Wowe udacubanganya ingabire yera
Abaneguranyi babure umukoro.

Bacike iyo mbuto irumbe
Ubukene bwose bubure inturo
Bufate umugambi wo kwiyahura
Ivu livugwe umwe birondomere
Mu nyenga izira uwo iramuye.

Imhamvu ibyemeza ntinduhije
Usanzwe ubizi uwiba ahetse
Aba yigisha uwo mu mugongo
Utsinzwe ukayoba inzira igukwiye
Wayobya twese uko waduhetse.

Mukerarugendo azaze kurora
Aho wicaye uwutalira;
Nupfundura awurangamire
Uhumura neza unoza n'amubili
Ku isi yose abageni bawugendere.

Gorora ingingo mu myiyereko
Kuli gahunda ukeshe ibiroli
Ku rugamba ujye akirasanira
Jambe Imana itangisha ubugingo
Mbese igaragasemo Iyakuremye

Ukirenareme imbere n'inguna
Ugihe ingingo zilinganiye
Izindi mhuguke zisahagere
Bahurure musobanure ibigwi
Bahogore mu rugerero wabahanikiye.

Ku ngeli igenga ubugenge
Uhanike imyama bagukulikire
Ubihalire Muganza wifuzza ko utsinda
Ugarure byose uduhe kubitunga;
Ca make wiyumanganye urabitegetswe.

Udahubuka uduhobaye mu gituzza
Urugalyi, urushyana, imheshyi yose
Subya umujinya ukurura ubugome
Wikankama ngo wihebe byakomeye
Ngo ubute burete ucunde ubunebwe.

Irundarunde ugarure agatege
Usibe amanjwe no kuvugaguzwa
Udatara abo mubana agahinda
Bakaguhunga wababihiye, ushalira
Niba walize urabazwa byinshi.

Urahe n'abandi ka ibyo wahawe
Ube unusilikare w'imbaraga
Wilinde abavuga imhuha
Baguhuganya nge nta bwenge
Umugore iteka asahora inyuma.

Barabeshya ntiyakuremeye kuba igicucu
Kandi ubyara abafite ubwenge
Ubwo bucucu ntibubaculike!
Garagaza ingabire uko wazihawe
Uwaguhinyuraga ashire amazese.

Uhabwe amategeko mbonera-gihugu
we kudindizwa n'uko waremwe
Nk'igihe uheka ikinyendaro
Uwo mwabyaranye yigaramiye
Wowe ugacibwa ukitwa icyohe.

Bikazimya ibyiza ntiwakirwe.
Urasabe abakuru kukugerageresa
Ijambo lyawe ligire akamaro
Baguhe umwanya ugere mu bandi
Wihugure imboneza-bupfura.

Ukuli kugwise umutekano
Wice icyaha uduhe kucyanga
Usabe amaronko tunayacyure
Eugira umwubahe mwicaranye
Muganire umumulikire igitambo.

V. IYOBOKA-MANA LIRWANYA IKIBI.

Unsabire menye kumusingiza no kumusenga
Niyegulire iyo yaduhanze
Ndeke guhova kubidashobotse
Ntukarambirwe ntoza gutungana
Ngene igitambo kinyuze mu mucyo.

Bulya ngitambye nagitonore
Twazuze itegeko ly'urukundo
Nemere kwihonga igihe nakesheje
Uko uwana ashimira umugabuliye
-Arakwinginga agusaba uruhushya
Akumenyesha inzira yagenze.
Umukulikirana ku milimo
Abo yakiliye asigaye ku rugo
Akora adakorera ijisho lyawe
Agatunganya ukanezerwa.

Mutote umutoze akili mutoya
Amenye uw'iteka abimushyikilize
Amushimire ko yamuguhaye mawe,
Dusangire twizeye guhora dukizwa
Aduhe ingabire igaba igikundiho;

Aragire u Rwanda n'amashyo yarwo
Maze ducengerwe na Bibiliya
Tuyihane, tuyakirane ubujijuke
Tulirimbe dusingize Uhoraho
Bibe akarande mu Banyarwanda.

Bayoboke Imana imwe rukumbi
Ilyo kuzo biherewe n'amubyeyi
Bakaba inyange itagira imhiza
Ubuzima bwogeyemo uburanga
Imbeho igahunga ikava mu mubili.

Twamenye Rurema twasusurutse
Roho n'umutima bigashorerana
Tukaruhukira mu mafu dufunguliwe
Ubwo tukazilikana ko yahozeho
Ko Izahoraho iteka lyose
No mu bugingo Ihorana natwe.

Mubyeyi, iyoboka-mana ni wowe ulimha
Uheshe abantu ikuzo wahoranye
Kuba umubyeyi na nyina w'urugo
Ugatunga ijisho ly'uwigushatse.

UMWANZURO

Gishirwamo inyota y'ubumenyi
Urusheho kutwumvisha urukundo
Uduce ku ngoyi y'ubuhwishi
Ababuguhanyaga bazamware
Ikuzo batunze, bose baligukeshe.

Ube nyamubera kubatonesha
Fata ububasha wihe umulimo
Wo guhugura amaso n'amatwi
Ndabona Imana ubu iguhamagara
Ni wowe Mukiza ukiza u Rwanda
Waje uli intumwa ya Nyagasani.

Mutoni yitoreye mu nyambo
Hirwa uwakujoraga ajonjogore
Unyure mu nzira yumutse
Naho ubunyereli bubone ukwanga
Menya, imhuguke zumve ilyawe.

Ureke gutira umukanyi ubizi
Ukore igikwiye usibe kugoma
Zilya kirazira ni zo zikwica
Ni zo zikuzika uhondobera
Bikakuzahaza bikakuzinga.

Bikakudindiza ntujye ejuru
Kulikira ingingo zikenkemuye
Inteko izimenye ikumenyere
Zilikana cyane wizigure
Ukubohora abone aho ahera.

Uzamenywa na nde atakuroreyeho?
Mena ikimuga ujye ahagaragara
Witegere ibwami n'akarubanda
Ntuzazigurukwa babona wikomeje
Shira ubute ugarure ubuyanja.

Ntiwigeze uba gito mu migilire
Horana ubuntu bugaba bihogo
Wice icyangiro usesagura
Utsinde abanzi bagushikanira
Bagusunikira mu nyenga

Kwira nk'inyambo y'inyogaruzi
Izigure ingeso mbi zose
Kamere yawe yigeme ubwiza
Singukinze si n'amarenga
Ntugasinde birandavuza.

Bikagusenya ukagwa mu kantu
Urwa Bayanga rukagushegesha
Gendera kure ibisindisha
Inzoga zikalishye ntizigutalirwa
Zitanga ibara kuwazinyoye.

Agasuzuguza umugabo we
Akwira imisozi ashaka abandi
Agata igikundiyo asesa ubwiru
Akamena ibanga bitamukwiye
Agatinyukwa n'imbwa zose.

Inzoga irayobya ntukabiyoberwe
Jya unywa agakeya utayoba ubwenge
Ngo ube igitaliro cy'inkwenene
Ugata igitenge mu bacuruzi
Amoko yose agukora mu nda.

Mu gitondo uramutswe n'abakwe
Nta nkwanu zitaha kwa Rusengo
Inzoga ku mugore yaba umwanzi
Agaca uburozi atabiramutse
Atabushaka atajya aburota.

Bikaba igisebyo akabura inzira
Agata uwo yemeye kwizera
Akangara bamuha induru
Agahindana akazingam umunya
Agasiga igisare mubo yabyaye.

Maze byose bikaba ntabyo
Umubyeyi utatse bukaba buguye
Ni nde mugabo wakwihanganira
Azi ko ushahura bidakwiye
Irali ly'ingeso mbi likagusenya.

Cyo tega yombi nkurangilize
Dusuzumane ingeso yo kwiba
Umugeni nyawe ntakorakora
Ntakubagana ali mu ruhimbi
Bulya bibaye yakwirwa hehe?

Aho kuba umwali ukaba igisambo
Ukaba ingegera yo mu mibyuko
Ukitwa inturo agatwara imishwi
Ugashimuta akagwa mu cyuho
Ugapfakazwa n'iyo ndoko!

Gerura umanura inkota
Wihohota, tanga ihumure n'agahenge
Umwali asanzwe atagira umwanda
Umugeni agenda atagira inenge
Horana ubwali, genda bugeni.

Usugire usagambe use n'izuba
Umuseke weye mu nda yawe
Utange imhundu zicubya imuha
Mukamwiza akazina kawe
We kukitwa ngo ukandavuze.

Wihendwa mu byo wahawe
Birenze zahabu na za feza
Wihombya uhombera icyagukijije
Kikaguhesha ikuzo mu bandi
Amahaho ntashyingurwa mu rutete.

Ngo isali ikuzongere ikuzengereze
Wihina amaboko usabitse ubunabw
Eje uzajye gusaba uwo winye
Wikuba inkanda itaba umugoma
Hina umugongo uhunike byinshi.

Bifite ibyiza bikiza igihugu
Ighunyira ugitere ugitaratse
Itange utange ubwenge bwawe
Intebe y'icyubahiro uyihorane
Uwali asanzwe abyara Imana.

Ni wowe ramuli rutumulikira
Nzobe idahanda, Nyiraburanga
Rangamira abawe baguhimbaza
Umubili wawe nawo ujye uwumenya.

Wage uhatse igisabo cyaliboye
Inzobe y'intukura inyura mu jisho
Igikara kinoze ngo ngwino uroro
Wivunana ngo uvunagulike
Ngo ureke amavunja aguce ibirenge
Ibicurane biguce amasuru.

Ukavugwaho ibyanyuma utabembye
Ukadutera ikibengero mu mahanga
Mu biyaga, mu nyanja bivogera
Bisarohorwa na Kaminuza
Amaze gusoma azengereye.

Kubera iyo ngoyi wamusigiye
Fatanya igihugu n'uwagushatse
Nimutungurwa n'amagorwa
Mukaza guhura n'amahumane
Ntimugacogere ku rugamba.

Ngo bikuviremo amahumane
Ntukazuyaze ukiyicaranye
Zinduka uyahanuza ~~bya~~ bayakuvure
Nubwo yaza yisihinga
Tamba bwangu bakuzigure.

Amavuliro nicyo yubakiwe
Akiza ababembe agaca ubushita
Akica imbyukizi n'amaseke
Urwaye umutuku ntibawuhanga
Umubili muzima ga ni inkingi.

Imwe y'amacumu yo mu nyumba
Indamutsa ishoza umucyo
Umukiro ugasagamba ikambere
Ikaba ishingiro ly'umutware
Akaba nyirarwo, umugabe ukeza.

Wicubya n'amanjwe yo kuguca intege
Ngo ntawe uvura akaje mu rugo
Ahubwo gahimwa n'akakazanye
Wihora ku ngoyi ya Shitani
Ngo umuzimu aganze umuzima.

Amutangishe ibya Mirenge
Iyo nkeke imubuze agatotsi
Ahongerwe itungo lyabakenuye
Iyo myenda ayishyuza ate
Kandi umwuka waramushizemo.

Dusayure utulinde ubupfayongo
Ingemu n'amakoro tubyikenuze
Umupfumu ahinge ibyo kumutunga
Mubyeyi uli umusangwabutaka
Tugaragalize ubukuru bwawe.

Koko uli intwali turabireba
Witezuka turagukeneye
Turangamiye ibikorwa byawe
Dukamire ay'iburyo niyo dushaka
Twigambe amahero n'ubumwe.

- - - - -
- - - - -
- - - - -

INGWIZA-MAGAMBO N'IBISOBANURO.

- inganzamarumbo: gishyitse mu gihagararo
gifashe umwanya munini
- kugamba: kuganira
- Isuka ya Mbogo: ni isuka ijyana n'inzoga zigiye gusaba umugeni bwa mbere
(babyita gufata irembo)
- inkanizo: imitsi ifashe umutima
- guherezza: kugena ifunguro cyangwa izimano
- gusumbanirwa: gushoberwa
- gushobanirwa: gushoberwa, kubura epfo na ruguru
- ibijyonjye: ibimanyu, ibisate
- umwambali: indakemwa
- gufureba: kwambika hose
- ijabo: ishema, akema
- gusukiranya: kuvuga bungikanya ingingo
- kwibaruka: kubyara
- gushengera: gutarama
- Rwabashyashya: Mu Nganji Karinga, bavuga ko ali mu cyambu cy'ishya
- imbogo: igicu
inyamaswa ikaliha cyane
- Kirandatwa: umuntu ushaje cyane
- umunsenze: igiti kera bacagaho imitsindo, bakanawita "umutsinda mahanga"
- ubunyanzi: umuco wo kuba indakemwa muli byose
- imbasi: icyatsi, uwo bagiciliye babaga bamurongoye ntakundi
- Ntsinumusazi: izina ly'icumu ly'umwami
- Mbonabihita: Inkingi yo mu nzu ya kinyarwanda
- kuvumera: kugira imuhwe n'umutima mwiza
- guhamura: gukuramo umutima cyangwa gutesha umutwe
- gusesekara: kunyanyagira
- guca ilyera: kurabukwa
- gukengerana: kugaragaza uburanga
- Jogo: biva ku mugani baca ngo: "Mhane Jogo lyanjye, inyenge y'undi itore":
bivugwa n'umubyeyi avuga akana ke.
- icyubi: umuntu w'indyalya
- ivugurura-rugo: Ishuli litoza abategarugoli n'abali imilimo y'urugo (Foyer)
- kwama: kwamamara
- uruhehemure: nta mukingo, nta ntilimwa
- amushye: icyuma, imbugita
- gucilira: gushaka icyorore
- urugerero: urugamba
- guhova: gutaratara
- ubuhwishi: ubujiji
- kujonjogora: gushiraho umubili, ugasigara uli igikanka
- gukorakora: kwiba
- gukubagana: ku mwali bivuga ko asambana
- kweya: gutangasa, gutamanzura neza
- kuzigura: guca ku ngoyi
- inyamba: inzu
- gusayura: kuzamura icyarenzweho n'inzarwe; gukura ahabi hose umuntu adashobora
kwikura.